Iyaba mwiringira Imana bya nyabyo, yari kujya ibaha amafunguro nk'uko iyaha inyoni zizinduka mu gitondo zishonje, zikagaruka ku mugoroba zijuse

Hadith yaturutse kwa Umar Ibun Al Khatwab (Imana imwishimire) yaravuze ati: Numvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga iti: Iyaba mwiringira Imana bya nyabyo, yari kujya ibaha amafunguro nk'uko iyaha inyoni zizinduka mu gitondo zishonje, zikagaruka ku mugoroba zijuse.

[Hadithi y'impamo] [رواه الإمام أحمد والترمذي والنسائي وابن ماجه وابن حبان في صحيحه والحاكم]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iradushishikariza kwiringira Allah Nyir'ubutagatifu mu gukora ibifite akamaro no kureka ibitera ingaruka mu myemerere no mu mibereho, kubera ko nta we utanga cyangwa se ngo yime, cyangwa se ngo ateze ingaruka cyangwa se ngo agirire abandi umumaro usibye Allah Nyir'ubutagatifu. Ko dukwiye gukora impamvu zizana umumaro, zigakuraho ingaruka hamwe no kwiringira Allah by'ukuri. Igihe cyose tuzakora ibibi Allah azaduha amafunguro nkuko ayaha inyoni igihe zivuye mu byari byazo zishonje, hanyuma zikagaruka nimugoroba zihaze. Ibyo inyoni zikora ni bumwe mu buryo bwo gukora impamvu zo kujya gushaka amafunguro, nta kwirara no kunebwa.

http://www.sunnah.global/hadeeth/rw/show/66538